# 34: Nyoborwa mu nzira yose

1.

Nyoborwa mu nzira yose
N'ukuboko k'Umukiza.
Iyo mbony' inez' agira,
Nta bwo mba ngishidikanya.
Ndetse ngir' umunezero,
N'amahor' asendereye.
Angirir' ubuntu bwinshi, Butagir' uko bungana.

2.

Nyoborwa mu nzira yose,
Niringiy' Umwami Yesu.
Antsindiran' ibishuko,
Anyongeramw' imbaraga.
Mu gihe nishwe n'inyota
Naniriwe mu rugendo.
Rwa rutare rwasadutse,
Ruradudubiz' amazi.

3.

Nyoborwa mu nzira yose,
Kubw' urukundo rwe rwinshi.
No mw ijur' imbere ya Se,
Nzanezerwa bihebuje.
Yesu ku birenge byawe,
Ni ho mpfukamye nkuramya.
Kuko wa nyoboye neza
Mur' iyi si ngituyemo.

Visit us at indirimbo.com